REPUBLIC OF RWANDA

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY'INGANDA MU RWANDA NZERI 2024

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

## RAPORO Y’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA
## NZERI 2024

### INCAMAKE


Raporo ngarukakwezi y’ihindagurika ry’ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry’ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 9,3% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byagabanutseho 14,3 %
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 2,8%

Ihindagurika ry’ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 0,3% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byagabanutseho 1,4 %
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicurizwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 3,6%


**Imbonerahamwe : Ihindagurika ry’ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2023 | | | | 2024 | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri |
| **Ihindagurika ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 26,8 | 27,1 | 25,1 | 20,4 | 19,0 | 13,9 | 13,4 | 10 | 6,9 | -1,9 | -5,4 | -5,1 | -9,3 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 31,6 | 31,3 | 26,9 | 19,7 | 17,8 | 12,8 | 11,2 | 7 | 4,7 | -2,5 | -7,1 | -8,5 | -14,3 |
| Ibyoherezwa hanze | 16,4 | 17,7 | 21,6 | 22,3 | 22,4 | 16,8 | 18,9 | 18,9 | 12,6 | -0,6 | -1,3 | 3,3 | 2,8 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 4,9 | 1,3 | -2,3 | -0,7 | 0,4 | -4,4 | -0,5 | -0,2 | -1,2 | -4,4 | 0,8 | 1,4 | 0,3 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 5,3 | 1,4 | -4,3 | -1 | 0,1 | -4,6 | -1,3 | 1,1 | -1,9 | -3,6 | 0,9 | -0,7 | -1,4 |
| Ibyoherezwa hanze | 4,1 | 1,0 | 3,0 | -0,1 | 0,9 | -4,1 | 1,3 | -3,1 | 0,3 | -6,3 | 0,5 | 6,4 | 3,6 |

### 1. INTANGIRIRO

Raporo y’ihindagurika ry’ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy’ihindagurika ry’ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay’ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda ishyirwa hanze buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n’ibigo by’ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y’u Rwanda (BNR) kandi ikibanda ku bucukuzi bw’amabuye y’agaciro, ibikorerwa mu nganda n’ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro (amashanyarazi, amazi, isuku n’isukura, ndetse n’itumanaho n’isakazabumenyi).

### 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Nzeri 2024, ibiciro rusange byo mu nganda byagabanutseho 9,3%, ugereranyije na Nzeri 2023. Ibi byatewe n’igabanuka rya 11,4% ry’ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye. Ku rundi ruhande ibiciro by’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro byazamutseho 1,3%.

Ugereranyije Nzeri na Kanama 2024, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 0,3%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 0,4% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Nzeri 2024, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byagabanutseho 14,3% ugereranyije na Nzeri 2023. Ibi byatewe n'igabanuka rya 18% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Nzeri na Kanama 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa imbere mu gihugu byagabanutseho 1,4%. ibi byatewe n'igabanuka rya 1,8% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Muri Nzeri 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 2,8% ugereranyije na Nzeri 2023. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 5,1% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi, izamuka rya 1,3% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa, ndetse n'izamuka rya 1,3% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya amabuye y'agaciro.

Ugereranyije Nzeri na Kanama 2024, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 3,6%. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 9,5% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa.

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321
Web site: www.statistics.gov.rw /PI Indexes
Email: info@statistics.gov.rw